# 133: Ndagukurikira, Yesu

1.

Ndagukurikira, Yesu; Nemey' umusaraba.Jye nta shinge, nta rugero : Urampagije wenyine.

Ref:

Ndagukurikira, Yesu, Ubwo wanguz’amaraso; Ndakwihaye, Mwami Yesu: Kera waranyitangiye.

2.

Icyubahiro n'iby'isi, Sinkibimaranira. Kubwa Yesu, ndabiretse: Amp’ibviza byo mw ijuru.

3.

Nahw ab'isi bazanyanga, Ni ko bakugiriye. Ntibankund' akaramata: Wowe ntabw' uzanzinukwa.

4.

Uwansek' ansuzuguye, Byakunsunikiraho. Uko bizamera kose, Uzabinyihanganisha.

5.

Ko mpaw’urukundo rwawe, Har’ikindi nshaka se? Ibinezaneza by'isi, Simbishaka: mfite Yesu.

Visit us at indirimbo.com